jesus beim WORT genommen

Mata / April 2018 *Kinyarwanda*

Urankunda?

(Yoh 21,16)

„Freunde des Wortes“

Kontakt: *Meinolf Wacker*
Kirchplatz 7
59174 Kamen
Tel.: 0049-172-5638432
Mail: mail@onword.de

homepage www.onword.de

Ndemera – Nguhaye umutima wanjye!
Credo – I give you my heart!

Nshuti bakunzi b’ijambo,

Si kenshi ko wumva umuntu akubajije ati: Urankunda? – Ese aho iki kibazo cyaba „cyemewe“ gusa hagati y‘abakundana. Niba ari uko bimeze, birashoboka ko ukibajije na we ari „mu rukundo“! Muzi ubajije iki kibazo se? – Ni Yezu kandi akibajije umwe mu nshuti ze z‘akadasohoka: „Petero urankunda?“ Hari haciye iminsi mike, nyuma y’uko uyu Petero yihakanye Yezu inshuro eshatu zose. „Urabizi ko ngukunda!“ Uko ni ko Petero yasubije inshuro eshatu. Bityo aba ahamije ukwemera kwe, abwira Yezu ati: „Nguhaye umutima wanjye“!

Umunyeshurikazi wiga muri kaminuza yagiye umunsi umwe mu mwiherero. Mu mugoroba usoza uwo mwiherero, umupadiri wabafashaga abigisha ahereye nkuru yo mu ivanjiri, ivuga ku musore wari umukungu cyane. Mu byo yabigishije, uyu mukobwa yahavanye ubutumwa yagize impamba ajyana imuhira. Inyigisho yari ishingiye ku kwibaza ku bubi bw’ubukire cyangwa se ingaruka mbi bwatera umuntu. „Ubukire bubuza kwigenga. Kuko ukungahaye, aba afite n’icyo ashobora gutakaza“. Ibi uyu mukobwa yarabyumvise ni ko kwandika agira ati: „Mbega ukuntu muri iyi minsi ishize iyi nteruro yagiye ingaruka mu bwenge. Njyewe ubwanjye nagabiwe ibya mirenge n’Imana (Ndakunzwe bitavugwa!) Kandi ntacyaruta icyo. Ntacyo natanze ngo ndonke ibi byose! Byose nabiherewe ubuntu bivuye mu Ngabire y’Imana. Ariko mbega ukuntu nihutiye kubyizirikaho. Hanyuma umunsi umwe nabaye umukungu, nka wa musore. Igihe rero Yezu ahamagaye asanga iteka mpuze. Maze kumva ibi ariko, muri njye havubutsemo igisubizo: ‚Hereza Yezu ibyo wihambiriyeho! Ni uko mpera ko nsenga ngira nti: ‚Nyagasani, byose mbishyize mu biganza byawe, icyo ushaka kibeho! Iri sengesho ryazanye ibyishimo byinshi mu mutima wanjye. Mu kanya gato nasobanukiwe ko: **Nindamuka neguriye byose Imana, na Yo izampa yo Ubwoyo Yose, Yo ubwayo izanyiha.** Ibyishimo byari byuzuye mu mutima wanjye, byari ikimenyetso cy’uko Imana iri hafi yanjye!“

Nshuti bakunzi b’ijambo, umutima wacu urarikira kenshi kwihutira kwihambira ku kintu iki n’iki kitari Imana. Ni uko umutima ugahuga, ukuzura, ugakungahara rwose. Imana ikahabura umwanya. Twiteguye iteka gupakurura umutima wacu, hanyuma tukawegurira Imana. Izawuzuza urukundo nyarwo, kuko Iri mu rukundo, Iragukunda! Biyibwire iteka, umunsi n’ijoro: **Ndemera – Nguhaye umutima wanjye! Ndemera Nguhaye umutima wanjye.**

Ku bw’itsinda OnWord Meinolf Wacker